# 96: Mukiza wanjye wagiye mw ijuru

1. Mukiza wanjye wagiye mw ijuru Kwicar' iburyo bw'Iman' Ihoraho. Uzagaruka kutureba twese, Utujyane mu bwami bwo mw ijuru.Har' ibyicaro waduteguriye Non' ub' uradutegereje rwose.

2. Yesu ni wow' uhor' udusabira imbere y'Imana Dat' ihoraho. Uhor' urinda twebw' ubushyo bwawe No kudufasha mu bigerageza. Uhor' udusabira buri munsi Ni cyo gitu ma tunesha Satani.

3. Ubwo wazamukag' ujya mw ijuru Waramburiy' abawe bya biganza Kandi no mu gihe cyo kugaruka Abakwizey' uzabah' umugisha. Uko wagiye ni k'uzagaruka Nkwi ye gusenga ndetse nkaba maso.

Visit us at indirimbo.com